A 1 Généralités 187

Gutegura Ikiganiro Munganzo
Y'abahanzi Inyanza

1999

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO N'UMUCO.**
**B.P: 1044 KIGALI**
**TEL: ( 250) 83527**
**FAX: (250) 8 35 18**

Simburudari
Tél:
Mob: 08 301 371
85434

**INYANDIKO-NVUGO Y'INAMA YO KU WA 30/7/1999**
**ITEGURA INGANDO Y'ABAHANZI (25/08/-08/09/1999)**
**N'ICYUMWERU N'UMUNSI BY'UMUCO ( 01-08/9/1999).**

---

Inama yayobowe na Bwana Yohani MUKIMBIRI, Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni.

**Abari mu nama:**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1. | MUKIMBIRI | Jean | : DCA |
| 2. | MUTUGARUGAMBA | Anaclet | : C.M |
| 3. | TWAGIRAYEZU | Innocent | : D.S.D.C |
| 4. | NIYONGANA | Gallican | : Pimature |
| 5. | RUYONZA | Arlette | : C.M |
| 6. | KAYOBOZI | Prote | : C.M |
| 7. | HABIYAMBERE | Béatrice | : Jeunesse |
| 8. | GAJU | Flavie | : C.M |
| 9. | UWERA | Christine | : Planification |
| 10. | NSENGIYUMVA | Emmanuel | : A.N |
| 11. | HABINEZA | Claude | : B.N |
| 12. | KABERUKA | P.Claver | : B.N |
| 13. | RUTAYISIRE | Auréa | : FetB |
| 14. | TWAGIRAMARIYA | Anne | : B.N |
| 15. | SEKUBUMBA | Séverin | : B.N |
| 16. | NTAWUGAYA | Josbert | : F.P |
| 17. | KIZALI | Elias | : A.N |
| 18. | RUTAGENGWA | Philibert | : Communication |
| 19. | MUHOZA | Christophe | : C.M |
| 20. | KABANO | Jacquéline | : B.N |
| 21. | NYIRATUNGA | Anitha | : S.C |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 22. MUNGANYINKA | Eugénie | : | S.C |
| 23. MUREKATETE | Bernadette | : | S/DCA |
| 24. BORA | Eléonore | : | S/DCA |
| 25. MUNYAZIKWIYE | Théogène | : | P.A.E |
| 26. SAYINZOGA | Alphonse | : | collaborateur externe |

**Ibyari ku murongo w'ibyigwa**:

- Gusoma inyandiko-mvugo y'inama iheruka
- Kurushaho kumva ibiyikubiyemo;
- Ibindi.

Umuyobozi w'inama yabanje gushimira abitabiriye inama. Hanyuma adusaba kwibwirana kuko hari haje benshi bashya. Ibyo birangiye, akomeza avuga ko abakozi bamwe bo mu mashami ya P.A.E na Folklore bataje mu nama kubera ko bagendereye amaperefegitura kugirango bakomeze irushanwa ry'abahanzi ku rwego rwa Perefegitura. Abazaba batoranijwe nibo bazarema Ingando.

Hanyuma umwanditsi atangira gusoma inyandiko-nvugo; birangiye, Umuyobozi w'inama atangira kuyisoma bundi bushya, ayikosora kandi yongeraho ibindi bitekerezo. Kubera ko mu nama hari haje benshi bashya, Umuyobozi w'inama yasubiye inyuma, abasobanurira ko inama zacu zigamije gutegura Ingando y'Abahanzi n'Icyumweru by'Umuco. Akomeza avuga ko iyo ngando izakangura Umuco. Ati: mu ngando kandi nibwo hazatorwa « Itorero ry'Igihugu » hakanashyirwaho « Urugaga Nyarwanda rw'Abahanzi ». Ati: Itorero ry'Igihugu rifite uruhare runini mw'iterambere ry'Igihugu. Rizaba rirusha kure andi matorero yari asanzwe, kuko rizaba riyunguruye. Muri iyo Ngando kandi, abahanzi bazigishwa amategeko agenga abahanzi n'ubuhanzi n'uburere bw'imyifatire myiza n'ubudahemuka ( uburere mberagihugu). Akomeza avuga ko « Itorero ry'Igihugu » rizashyirwaho mu ngando n'isanganyamatsiko y'ibiganiro bizabera mu ngando bizafasha gutegura FESPAD (II) 2 000 ifite isanganyamatsiko yitwa « Umuco w'Amahoro », ku buryo bwihariye ikitwa » Kubyinira Umuco w'Amahoro ».
Isanganyamatsiko ya FESPAD (I) 1998 yo yari » Kubyinira Amahoro ». Ni ukuvuga : turava ku « Mahoro » tujya ku « Muco w'Amahoro »( duhinga Amahoro n'Umuco w'Amahoro).
Amahoro mu Muco, mu bukungu bw'Igihugu, mu madini, n'ahandi. Umuco usakare hose, ugire ingaruka zikubye inshuro ijana. Ibyo ni byo tuzazirikana mu Ngando. Tuzanabyandikira Minisiteri zose kugirango bamenyeshe Abanyarwanda icyo batekereza ku muco.

Hanyuma, Umuyobozi w'inama asaba INFODOC ( Théogène) gukora indangabihe y'ibyumweru bitatu bisigaye kugirango ingando itangire.Avuga ko ku wa 24/08/1999, abashinzwe protocole bazaba bari i Nyanza kugirango bakire abahanzi n'ababaherekeje mu ngando. Akomeza avuga ko umwanditsi agomba kwihutisha inyandiko-mvugo; ku wa mbere igashyikirizwa Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni n'abayobozi bamashami. Hanyuma atubwira amatorero abiri y'i Kibungo: Garuka urare na Garuka urebe akina neza cyane , yasuwe ku wa 25/07/1999 agatorwamo abahanzi makumyabiri(20). Yongeraho ko mu kujonjora abahanzi, tugomba gushyiramo ab'uruhanga runyuranye ( nk'Imparamba zo mu Bugoyi, Abakurankota bo mu Kinyaga,Inyange zo ku Kacyiru...). Anavuga ko abahanzi maganatanu (500) mu ngando ari benshi, ko uwo mubare ukwiye kugabanywa. Ku byerekeye abakozi bacu bajya gukora ijonjora mu maperefegitura, yavuze ko mu gihe basanze abahanzi bataje, basigira Perefe ushinzwe Umuco n'aba encadreurs b'amaperefegitura ibyangombwa byo gukora ijonjora n'amategeko y'ijonjora: ibitekerezo, amafaranga ya jury no kuvuga umunsi bazagarukiraho. Hanyuma Perefe akabasinyira ko yakiriye amafaranga. Byongeye banasaba Perefe ushinzwe Umuco kubashakira abahanzi bakwiye iyo nyito.

- Abashinzwe ijonjora bazamenyeshe abahanzi ko batazazana ingoma kuko i Nyanza bazifitiye.

-Yatwibukije ibya protocole mu kwandika amabaruwa, nk'ibireba « binyujijwe », (sous-couvert).

- Hakurikiyeho gusoma za komisiyo, umubare wazo ni cumi n'imwe. Umuyobozi w'inama yasabye ko abatari muri komisiyo bazishyirwamo.

- Mu nyandiko y'amakomisiyo hagomba kuboneka amazina y'abayarimo n'ibyo bashinzwe gukora.

- Twagiramariya Anne, HABIMANA Claude, UMULISA Francine bashyizwe muri logistique.

- NSENGIYUMVA Emmanuel: Santé-Hygiène

- NIYONGANA Gallican: Protocole

- Innocent yashyizwe muri komisiyo ya discipline, mu mwanya wa Visi Perezida. Mu ngando azakorana n'abahuzabikorwa n'abahagarariye Minisiteri mu maperefegitura.

- Hanyuma komisiyo INFODOC ihinduka INFO-PRESSE

- Bonfils azagaruka ku wa 25/08/1999, birakwiye kumuteganiriza umwanya muri komisiyo.

- Hanyuma Umuyobozi w'inama asaba Théogène kuzategurira Minisitiri inyandiko-nyibutsa y'ingando mu kinyarwanda. Minisitiri akazajya kuyisobanura mu nama y'Abaminisitiri. Ni ngombwa kuvuga intego y'ingando, kubisobanura neza no kubikora impande zose, ntihagire icyibagirana. Yanavuzeko Eugène azatangira kuza mu nama kudufasha mu cyumweru gitaha kuko amenyereye ingando.

- Ku byerekeye ijonjora n'ibarura ry'abahanzi, birakwiye gukora impande zose, ntihabure n'umwe.

Naho yaba umwe ariko afite impano, naho baba bafitanye amakimbirane, tuzabahuriza m'Urugaga rumwe Nyarwanda rw'Abahanzi.

- INFODOC (Théogène) izategure umushinga w'ijambo rya Minisitiri: Iryo gutangiza Ingando, iryo kuzisoza no gutangiza Umunsi w'Umuco.

Iryo jambo rigomba kuba ryerekana intego rusange n'inteko yihariye, rifite kandi ingingo z'ingenzi.

- Ni ngomba kubarura ibibazo byerekeye uwo umunsi no kubishakira ibisubizo bijyanye.
- Ku byerekeye gukoresha amakarita y'ubutumire, birakwiye kubanza gukoresha nk'atatu gusa, hanyuma umuntu ayashimye agakoresha yose (1000).
- Ku bireba abahanzi, birakwiye kumenya akarusho ka buri muhanzi (urugero: KWAME NKRUMA)
- Icyindi, Umuyobozi w'inama yibukije kutibagirwa shitingi.
- Yanavuze kuzigisha abahanzi, kuko muri bo hari abatazi gusoma.
- Yanibukije kuzibuka kwitabaza CRR
- No kutibagirwa liste protocolaire ivuguruye ( kuyisaba muri MINAFFET)
- Mu kwandika ubutumire, kwibuka incuti za Minisiteri n'~~iza Minisitiri~~
- Guha amakarita y'ubutumire superefe wa Nyabisindu kugirango atumire inyangamugayo n'abandi banyacyubahiro b'i Nyanza.

Kwibuka guha agaciro gahanitse isanganyamatsiko yo mu ngando.

- Kwibaza ku bazatoza Itorero ry'Igihugu, kubashaka no kubarondora birihutirwa.
- Gutumira amatorero ya P.V.K, tukabaha isango yo ku wa 15/8/1999.
- Hari n'ibindi byavuzwe:
- Inama y'ubutaha izabera mu cyumba cy'umuziki iruhande rw'aho isanzwe ibera. Birakwiye kuzabimenyesha umwarimu w'umuziki. Yanibukije isuku mu biro no hafi yabyo.
- Kudakererwa kuko ni yo nzira y'iterambere
- Hariho ibibura mu nyandiko-mvugo. Birakwiye kwikosora.
- Amafaranga ashobora kuva kuri rubrique ya Animation Culturelle.
- Za note à l'O.T zarakozwe, n'amafaranga yaraje; abagiye gukora ijonjora bazayasubizwa.

Innocent azatange ama-fax y'amaperefegitura, kandi azahindure ibaruwa yandikiwe abafarefe kuko byarahindutse: tuzasaba abaperefe kwishingira abahanzi ku rugendo, amafaranga tukayabasubiza bageze mu ngando.

- Kwandikira ikigo Nderabuzima cy'i Nyanza tugisaba kuzita ku buzima by'abahanzi bazaba bari mu ngando tubinyujije kuri Minisiteri y'Ubuzima

Agatabo ka UNESCO: « Manifeste 2000, Année Internationale de la Culture de la Paix »,Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni yagahaye abayobozi b'amashami. BORA azagafotore agahe abakozi bo m'Ubuyobozi by'Umuco n'Ubugeni, abo

muri Archives Nationales, abo muri Bibliothèque Nationale na za Minisiteri zose kugirango dutegure FESPAD (II) 2000, u Rwanda rwifatanye n'amahanga yose mu gutegura iyo FESPAD.

INFODOC( Théogène) igomba gukora umushinga w'a mategeko agenga Urugaga Nyarwanda rw'Abahanzi, ruzahabwa igihe cy'umwaka. Azifashisha amategeko ngenga y' »Inama Nkuru y'Urubyiruko rw'Igihugu ». Komite y'urwo Rugaga izaba igizwe n' abantu batandatu.

Change des acteurs

Ayo mategeko ngenga kandi azaherezwa Minisiteri y'Ubutabera iyahe ubuzima gatozi. Byongeye urwo Rugaga ruzaba rwigenga mu bitekerezo.

-Yongeraho ati:

- Nimujye mutekereza biboneye ku byo mushinzwe gukora kugirango mushyikirize inzego zo hejuru ibikorwa bitunganye kandi byuzuye.
- Ati: muzakore umugambi urondoye w'ibikorwa bijyanye n'Ingando
- Hagomba kuba hari abakozi bacu buri gihe;
- Gushaka ibikenewe byose byo gutegura Ingando;
- Gukora indangabihe y'ibizakorwa

- Abagiye mu maperefegitura gukoresha ijonjora, basabwe kuzaca i Nyanza bagasaba Burugumesitiri wa Nyabisindu ibiti byo kubaka n'abakozi twazihembera.

Etat?

- Umuyobozi w'inama yanibukije gukora facture proforma y'ibitambaro byo kwandikaho (banderoles) n'iy'imyenda y'intore.
- Iy'amakarita y'ubutumire yakozwe na Fidèle.
- Hanyuma yatubwiye iby'Itorero rw'Igihugu; ni urwego ruhoraho, abarujyamo n'abumva babifitiye umwanya. Ni igikoresho cyidasanzwe kandi mu by'umubano w'Igihugu cyacu n'ibindi bihugu. Ni intumwa idatenguha, ururimi ivuga ni Umuco gusa.
- Yakurikijeho kutubwira ko ushinzwe gukora lisiti y'amatorero yo muri P.V.K ari Angéline.
- No kwandikira Minisiteri y'Ubuzima dutira amashitingi
- Yadusabye gukurikirana ibyavuzwe mu nama zose byerekeye amashitingi n'ibiringiti.
- N'uko umuntu wese yakwiyunvamo ko afite uruhare n'ijambo mu nama. Ati naho naba ntabonetse mu nama, ubonetse wese muri mwe akayiyobora, haba ikibazo akagisubiza.

Rapports des tournées + noms acteurs + critères ±

**INDI:**

- Théogène yavuze ko abantu bagize Itorero ari bake.

Umuyobozi w'inama yamusubije ko bashobora no kugera kuri 70 ko ibyo ntacyo bitwaye.

- Abavuza ingoma ni umunani, nabo bashora kongerwa

- Yanatubwiye ko mu birori, byaba byiza abasaza bagiye bahagarikira abakiri bato, bambaye imishanana. Byaboneka neza cyane. Bwakwerekana ko abo bakiri bato , bagira aho baca ubwo buhanga mu buhanzi.
- Gusaba Minisitiri , hakiri kare urutonde rw'ibizakorerwa mu ngando n'urutonde rw'ibirori n'ibindi bizahangwa amaso n'amatwi ku Munsi w'Umuco kugirango abihe abandi Baminisitiri.

Ku byerekeye kwandika inyandiko-mvugo, Umuyobozi w'inama yasabye ko umwanditsi yajya akurikiranya ibitekerezo bifitanye isano, aho kubitagaranya.

Inama yatangiye sa yine irangira sa sita.

Carte/invitation + le programme du 8/9/1999 !!

Umuyobozi w'inama

**MUKIMBIRI Jean**

Umwanditsi

**SAYINZOGA Alphonse**

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO N'UMUCO
B.P. 1044 - KIGALI
TEL : 8 3527
FAX : (250) 8 3518

Kigali, ku wa 3/8/1999

N°1653/21.32

Madamu, Bwana Perezida
w'Itorero ........................
........................................
KIGALI

Impamvu : Ijonjora ry'amatorero
15/08/1999

Madamu, Bwana,

Nishimiye kubandikira mbasaba kwitabira ijonjora ry'amatorero yo muri Perefegitura y'Umujyi wa Kigali (P.V.K.), rizaba taliki ya 15/08/1999, kuri sitadi Amahoro, guhera saa tatu za mugitondo.

Itorero muyobora risabwe kwitwaza ibikoresho byaryo (amayugi, imigara, ibicurangisho-gakondo, ingoma) n'imyenda rikinana.

Ndabasaba kandi ko mwakora uko mushoboye ntimuzakerererwe.

Mbaye mbashimiye.

**NGARAMBE Faransisiko**

**Minisitiri w'Urubyiruko,**
**Siporo n'Umuco**

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère de la Jeunesse, des Sports et de la Culture

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO N'UMUCO**
**B.P. 1044 KIGALI**
**TEL : (250) 8 3525**
**FAX : (250) 8 3518.**

**Kigali, ku wa** 31/8/1999

**N°** 16.52 **/21.32**

Bwana Perefe wa Perefegitura
ya Butare
**BUTARE**.

Binyujijwe kuri Minisitiri
w'Ubutegetsi bw'Igihugu
**KIGALI**.

**Impamvu** : Ingando y'Abahanzi (25/08-8/9/1999) n'Icyumweru n'Umunsi by'Umuco (01-08/09/1999) i Nyanza (Butare).

Bwana Perefe,

Nejejwe no kubasaba kuzadutera inkunga mu ngando izabera i Nyanza (Butare) muri Perefegitura muyobora nkuko "impamvu" ibyerekana haruguru. Mwadufasha mu byo gucunga umutekano, kuduha abakozi badufasha, n'ibindi bishobora kuzakenerwa muri iyo ngando. Turanabasaba ko abantu muyobora batunganya umuhanda kuva kuri kaburimbo kugera kuri Sitadi y'i Nyanza kandi nayo bakayitegura neza.

Mbaye mbashimiye.

**Faransisiko NGARAMBE,**

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco.

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère de la Jeunesse, des Sports et de la Culture

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Kigali, kuwa....../..../1999**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO N'UMUCO**
**B.P. 1044 KIGALI**
**TEL : (250) 83531**
**FAX : (250) 83518**

**N°........./21.32**

Bwana Perefe wa perefegitura (Bose)

**Binyujijwe kuri Minisitiri**
**w'Ubutegetsi bw'igihugu**
**Kigali**

**IMPAMVU** : Ingando y'Abahanzi n'~~Abanyabugeni~~.
(25/08-08/9/1999)

Bwana Perefe,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbamenyeshe ko hazakorwa ingando y'Abahanzi n'~~Abanyabugeni~~ izabera i Nyanza muri Perefegitura ya Butare kuva kuwa 25 Kanama kugera kuwa 08 Nzeli 1999. Kubera iyo mpamvu, nkaba nagirango mbasabe kudufasha muri ibi bikurikira :

- Kohereza abakinnyi batoranijwe bakaza bitwaje ibikoresho byabo : Amayugi, imigara, ibicurangisho-gakondo, imyenda yabo bakinana n'ibindi usibye ingoma;
- Gutoranya no kohereza abanyamuzika 2, abashushanya 2, ababaza amashusho 2, abanditsi 2 n'abaplasticiens 2. Abo akaba aribo bazahagararira abandi banyabugeni.

**Ibyitonderwa :**

- Birashoboka ko mwaba mudafite bamwe mubo dusaba (abashushanya, abanditsi cyangwa abandi abo aribo bose). Ibyo ntacyo bitwaye muzatoranye babiri babiri mubo mufite abe aribo muzohereza;
- Umuhuzabikorwa wa Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco muri Perefegitura niwe uzaza abayoboye kandi basabwe kuzagera aho ingando izabera (i Nyanza) taliki ya 24 Kanama 1999. Turabasaba kubashakira amafaranga y'urugendo, mukatwoherereza fagitire tukazabishyura.

Mugire amahoro n'amahirwe.

Minisitiri w'Urubyiruko,
Siporo n'Umuco

**Faransisiko NGARAMBE**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO N'UMUCO**
**B.P. 1044 KIGALI**
**TEL : (250) 83531**
**FAX : (250) 83518**

**Kigali, kuwa 29./.7./1999**

Kuri Bwana Umuhuzabikorwa
wa Minisiteri y'Urubyiruko,
Siporo n'Umuco muri
Perefegitura ya Cyangugu.

**IMPAMVU** : Ijonjora ry'Abahanzi n'Abanyabugeni.

Bwana Umuhuzabikorwa,

Mu rwego rwo kwitegura ingando y'Abahanzi n'Abanyabugeni izaba kuva taliki ya 25 Kanama kugera taliki ya 08/Nzeli, ndakwibutsa ko kuwa gatandatu taliki 31/07/1999, ababishinzwe bazaza aho mw'ijonjora ryabo bahanzi n'Abanyabugeni.

Bakaba basaba rero ko bazasanga mwatoranije amatorero arimo abahanga kugirango bazajonjoremo abazahagararira abandi muri iyo ngando.

Akazi keza.

Umuhuzabikorwa w'Abahagarariye
Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo
n'Umuco muri za perefegitura.

**TWAGIRAYEZU Innocent**

**Bimenyeshejwe** :
- Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco
- Perefe wa Perefegitura ya Cyangugu
- Umuyobozi w'Umuco muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco.

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO N'UMUCO**
**B.P. 1044 KIGALI**
**TEL : (250) 83531**
**FAX : (250) 83518**

**Kigali, kuwa 30./.7./1999**

Kuri Bwana Umuhuzabikorwa
wa Minisiteri y'Urubyiruko,
Siporo n'Umuco muri
Perefegitura (Bose)

**IMPAMVU** : Ingando y'Abahanzi n'Abanyabugeni

Bwana Muhuzabikorwa,

Nejejwe no kukwibutsa ko kuva taliki ya 25 Kanama kugera taliki ya 08/Nzeli hazakorwa ingando y'Abahanzi n'Abanyabugeni izabera i Nyanza muri perefegitura ya Butare.

Kubera iyo mpamvu, usabwe kuzaza taliki ya 24 Kanama aho iyo ngando izabera (i Nyanza) uyoboye abakinnyi n'abanyabugeni bazaba baratoranyijwe kuza guhagararira abandi muri iyo ngando.

**Ibyitonderwa :**

- Abakinnyi batoranyijwe bazaze bitwaje ibikoresho byabo : Amayugi, imigara, ibicurangisho-gakondo, imyenda yabo bakinana n'ibindi baba bafite byose usibye ingoma;
- Abanyabugeni bazahagararira abandi bagomba kuba ari : abanyamuzika 2, abashushanya 2, ababaza amashusho 2, abanditsi 2 n'abaplasticiens 2. Icyakora, birashoboka ko muri perefegitura mwaba mudafite bamwe muri abo basabwa (abashushanya, abanditsi cyangwa abandi abo aribo bose). Ibyo ntacyo bitwaye, hazaze babiri babiri batoranyijwe mu bahari.
- Usabwe kuzaza witwaje lisiti izaba yaravuye muri Minisiteri yanditseho umubare w'abakinnyi batoranyijwe.

Akazi keza.

Umuhuzabikorwa w'Abahagarariye
Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco
muri za perefegitura.

**TWAGIRAYEZU Innocent**

**Bimenyeshejwe :**
- Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco
- Perefe wa Perefegitura (Bose)
- Umuyobozi w'Umuco muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco.

Verser ds dossier « Sem & Journée Culture 99 »,
DA

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO, N'UMUCO**
**B.P : 1044 KIGALI**
**TEL: (250) 8 35 27**
**FAX: (250) 3518**

**INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YO KW'ITARIKI 13/8/1999**
**ITEGURA INGANDO Y'ABAHANZI (25/8/-8/09/1999)**
**n'ICYUMWERU N'UMUNSI BY'UMUCO (1-8/09/1999)**

---

Inama yatangiye saa ine n'iminota cumi n'itanu, iyobowe na Bwana Yohani MUKIMBIRI: Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni.

Abaje mu nama ni aba:

| | | |
|---|---|---|
| 1. MUKIMBIRI | Jean | : DCA |
| 2 MUTUGARUGAMBA | Anaclet | : C.M |
| 3. SAYINZOGA | Alphonse | : collaborateur ext. |
| 4. KANAMUGIRE | Louis | : C.M |
| 5. RUYONZA | Arlette | : C.M |
| 6. GASHUGI Gaju | Flavie | : C.M |
| 7. MUREKATETE | Bernadette | : S/DCA |
| 8. BORA | Eléonore | : S/ DCA |
| 9. RUTAGWENDEKA | Fidèle | : PAE |
| 10. SEKUBUMBA | Séverin | : B.N |
| 11. MUNYAZIKWIYE | Théogène | : PAE |
| 12. NTAWUGAYA | Josbert | : F.P |
| 13. NIYONGANA | Gallican | : Primature |
| 14. NSENGIYUMVA | Emmanuel | : A.N |
| 15. HABINEZA | Claude | : B.N |
| 16. KABERUKA | P.Claver | : B.N |
| 17. UMULISA | Francine | : Fet B |
| 18. TWAGIRAMARIYA | Anne | : B.N |
| 19. UWERA | Christine | : Planification |
| 20. MUKABANANA | Angéline | : Fet B |

| | | |
|---|---|---|
| 21. MUTAMBA | Generose | : C.M |
| 22. KABANO | Jacquéline | : B.N |
| 23. MBABAZI | Mary | : S.C |
| 24. KIZALI | Elias | : A.N |
| 25. NYIRABASIRIMU | Phobe | : A.N |
| 26. RUTAYISIRE | Auréa | : FetB |
| 27. UMULISA | M.Rose | : A.N |

Atangira inama, Bwana MUKIMBIRI yatanze ingingo ziyigize ari zo zizi:

1. Gusoma inyandiko -mvugo y'inama yo kw'itariki ya 6/08/1999
2. Kungurana ibitekerezo ku byavuzwe mu nama iherutse
3. Ibintu n'ibindi.

Hamaze gusomwa inyandiko- mvugo, Umuyobozi w'inama yamenyesheje ko ingengo y'imari y'ingando n'Umunsi w'Umuco yagabanijwe. Ati n'umubare w'abagize za komisiyo waragabanutse , kubera iryo hinduka.

Hanyuma Bwana MUKIMBIRI Jean yasabye Fidèle, Angéline, Kayigi kuzamushyikiriza raporo yanditse, yerekeye ibikorwa bashinzwe. Yasabye Fidèle kwerekana uko yakoresheje amafaranga yajyanye gukora akazi ashinzwe, amusaba kumuha umubare w'abahanzi, n'ibiranga umuhanzi bagenderaho mw'ijonjora.

Hanyuma, Umuyobozi w'inama avuga ibizakenerwa mu ngando:

Ku byerekeye matelas, hazandikwa ibaruwa ibaza Groupe Scolaire de Butare niba ishobora kuzitiza abazaza mu ngando.

Naho kubyerekeye shitingi, n'ukubaza ishuri, rya Espanya, niba rishobora kuducumbikira. Icyo gihe shitingi ntizizaba zigikenewe.
Bwana Jean MUKIMBIRI yasabye guhamagara kuri Radiyo abahanzi batoranijwe, ngo bazaze i Nyanza bitwaje ibyo kwiyorosa, n'ibikoresho byo ku meza kw'itariki 24/8/1999. Yavuze nuko bazirihira ingendo bakazishyurwa bageze mu ngando.

- Ibyerekeye gahunda y'indangabihe:
- Ku byerekeye amategeko agenga Urugaga Nyarwanda rw'Abahanzi, hazashyirwaho komite y'abantu batandatu. Iyo komite izashyira ho

ayo amategeko. Iyo komité izaba yigenga.
Amategeko agenga urwo rugaga azamara umwaka.Agomba kugira aho ashingiye (principes). Ayo mategeko agomba kuba azwi akoherezwa no mu Butabera.
Abagize protocole ya Leta bazirwanaho ku rugendo rwo kujya i Nyanza.

Tugomba kwibuka kwandikira Superefe wa Nyabisindu hamwe na Perefe wa Butare, tukamenyako Perefe wa Butare akeneye amakarita yo gutumira inshuti ze. Mu gutegura ijambo rya Minisitiri, tugomba kwifashisha ibyavuzwe mu :
1. Ingando y'abahanzi i Kabusunzu;
2. Inshingano rusange z'ingando n'intego zihariye
3. Umwaka w'Ibihumbi bibiri ( UNESCO: Manifeste 2.000)
4. FESPAD
5. La Rec° de l'Unesco sur la condition de l'artiste.

Ijambo Minisitiri azavuga asoza ingando na ryo, rigomba kuba ryerekeye izo ngingo hamwe n'amategeko agenga umuhanzi, inyandiko ya UNESCO, no kumenya inshuro twibuka uyu Munsi w'Umuco.
Mu nyandiko nyibutsa hagomba kuvugwamo imari, tenants et aboutissants.
Banderoles: zashinzwe MUBUMBYI na Angeline. Zizashyirwa i Butare, Kigali, Nyabisindu, Nyanza. Slogan cyangwa intego zo ku bitambaro zizandikwe.
Kuri dokima y'ibikorwa, hagomba kubamo amazina y'amakomisiyo, n'uyobora buri komisiyo.
- Kuri terrain, Colonel MISITU azita kuri discipline n'ukuvuga mutchaka mutchaka.
- Hagomba abafata amafoto.
- Hagomba kugurwa eau minerale z'abatanga ibiganiro.
- Amazina y'abatoza amatorero agomba kumenyekana.
- Hagomba gushyirwaho amashanyarazi.
- Fidèle azagure gitare.Muzashakire J.M.V..RURANGWA ikiganiro mbwirwaruhame. Amakarita y'ubutumire hamwe na gahunda y'ibirori izoherezwe. Fax y' amabaruwa yakorerwa muri GTZ.
- Buri Perefegitura izahabwa 100.000 FR kubera Umunsi w'Umuco keretse Butare izahabwa 500.000 FR yo kuzimana abahanzi batowe.
- Indangabihe ( chronogramme des activités):
- Buri munsi bazabyina, umunsi wa nyuma hazaba ijonjora, habe n'umunsi wo gutora komite y'abagize Urugaga Nyarwanda rw'abahanzi.

<u>Raporo y'ingendo za Fidèle RUTAGWENDEKA</u>

Fidèle yavuze ko yari i Nyanza ku wa mbere, yabonye ibyumba ( salles) bibiri bidafite amazi, bidafite n'amashanyarazi, kubera umwenda w'amafaranga 100.000 bafitiye electrogaz. Inzu ndangamuco y' i Nyanza nayo irimo Funuap. Hakwiye kwandikwa i baruwa ngo iyivemo..

**IBINTU N'IBINDI**

Umuyobozi w'inama yamenyesheje ko Ubuyobozi bw'Umuco n'Ubugeni bukenera impapuro kurusha ubundi buyobozi buri muri Minisiteri.
Umuyobozi w'inama yemeje kandi ko Abafaransa bazatanga inkunga badusezeranije ivuye ku mari ya »Appui à l'Environnement Francophone ».
Tugomba kubona vuba abatoza Itorero ry'Igihugu.
Mu makomisiyo yose hagomba kuba hari umukozi wo mu Buyobozi bw'Umuco.

Inama yarangiye saa sita ibuze itanu.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 13/8/1999

| | |
|---|---|
| Umuyobozi | Umwanditsi |
| **Jean MUKIMBIRI** | **MUTUGARUGAMBA Anaclet** |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Kigali, ku wa 13th-8-99

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO N'UMUCO**
**B.P. 1044 KIGALI**
**TEL : (250) 8 3525**
**FAX : (250) 8 3518.**

N°...1688..../21.30

Bwana Muyobozi w'Ikigo
cy'Amashuri ESPANYA
**NYABISINDU**.

**Impamvu** : Gutira amazu y'ikigo muyobora.

Bwana Muyobozi,

Mbandikiye iyi baruwa kugirango mbatire amazu y'Ikigo muyobora. Ayo mazu turakeneye ngo tuzacumbikiremo abakozi n'abahanzi bagera kuri magana atanu (500) bazakorera ingando i Nyanza (Nyabisindu) guhera tariki ya 24/8/1999 kugeza tariki ya 8/9/1999 (Umunsi Mukuru w'Umuco).

Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu gishimishije kandi cyihutirwa, mbaye mbashimiye.

**Faransisiko NGARAMBE**

Minisitiri w'Urubyiruko,
Siporo n'Umuco.

BARIKANA Eugène
Secrétaire Général
MIJESPOC

**Bimenyeshejwe** :

- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
  **KIGALI.**

- Umuyobozi w'Ifasi ya Butare
  **BUTARE.**

REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO N'UMUCO
B.P. 1044 - KIGALI
TEL : 83525

Kigali, ku wa 31 8 1999

N°1655/21.32

Madamu, Bwana
.......................................
.......................................

**Impamvu** : Gutegura ikiganiro mu ngando y'abahanzi (25/08 - 07/09/1999) i Nyanza (Butare).

Madamu, Bwana,

Nishimiye kubandikira mbasaba gutegura ikiganiro ku nsanganyamatsiko ikurikira ..........................................
..................................................................................................................................
..................................................................................................................................
kizatangirwa mu ngando y'abahanzi, i Nyanza (Butare) tariki..........................

Byaba byiza kugeza inyandiko y'icyo kiganiro mu Buyobozi bw'Umuco n'Ubugeni mbere y'itariki ya 20/08/1999.

Mbaye mbashimiye.

**Minisitiri w'Urubyiruko,**
**Siporo n'Umuco.**

**NGARAMBE Faransisiko.**

Ministère de la Jeunesse des Sports et de la Culture